

Official Gazette no.Special of 21/09/2018

ITEGEKO N°49/2018 RYO KU WA
13/08/2018 RIGENGA
IMIKORESHEREZE N'IMICUNGIRE
Y'UMUTUNGO KAMERE W'AMAZI
MU RWANDA

LAW N°49/2018 OF 13/08/2018
DETERMINING THE USE AND
MANAGEMENT OF WATER
RESOURCES IN RWANDA

LOI N°49/2018 DU 13/08/2018 PORTANT
UTILISATION ET GESTION DES
RESSOURCES EN EAU AU RWANDA

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIÈRES

**UMUTWE WA MBERE : INGINGO
RUSANGE**

**CHAPTER ONE : GENERAL
PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS
GÉNÉRALES**

Ingingo ya mbere : Icyo iri tegeko rigamije

Article One : Purpose of this Law

Article premier : Objet de la présente loi

Ingingo ya 2 : Ibisobanuro by'amagambo

Article 2 : Définitions

Article 2 : Définitions

**UMUTWE WA II : AMAZI KAREMANO
N'AMAZI Y'AMAHANGANO**

**CHAPTER II : NATURAL WATER AND
ARTIFICIAL WATER**

**CHAPITRE II : EAU NATURELLE ET
EAU ARTIFICIELLE**

Ingingo ya 3 : Amazi karemano

Article 3 : Natural water

Article 3 : Eau naturelle

Ingingo ya 4 : Imbibi z'amazi karemano

Article 4 : Boundaries of natural water

Article 4 : Limites de l'eau naturelle

Ingingo ya 5 : Amazi y'amahangano

Article 5 : Artificial water

Article 5 : Eau artificielle

**UMUTWE WA III : IMICUNGIRE
N'IMIKORESHEREZE Y'UMUTUNGO
KAMERE W'AMAZI**

**CHAPTER III : MANAGEMENT AND
USE OF WATER RESOURCES**

**CHAPITRE III : GESTION ET
UTILISATION DES RESSOURCES EN
EAU**

**Icyiciro cya mbere : Amahame
ngenderwaho**

Section One : Guiding principles

Section première : Principes directeurs

**Ingingo ya 6 : Kurengera no gukoresha
umutungo kamere w'amazi**

**Article 6 : Protection and use of water
resources**

**Article 6 : Protection et utilisation des
ressources en eau**

Official Gazette no.Special of 21/09/2018

<u>Ingingo ya 7 : Amahame ngenderwaho</u>	<u>Article 7 : Guiding principles</u>	<u>Article 7 : Principes directeurs</u>
<u>Icyiciro cya 2 : Inzego zishinzwe imicungire y'umutungo kamere w'amazi</u>	<u>Section 2 : Water resources management institutions</u>	<u>Section 2 : Institutions chargées de gestion des ressources en eau</u>
<u>Ingingo ya 8 : Ikigo</u>	<u>Article 8 : Authority</u>	<u>Article 8 : Office</u>
<u>Ingingo ya 9 : Komite Ngishwanama mu by'Amazi ku rwego rw'Igihugu</u>	<u>Article 9 : National Water Consultative Committee</u>	<u>Article 9 : Comité National Consultatif de l'Eau</u>
<u>Ingingo ya 10 : Komite z'icyogogo</u>	<u>Article 10 : Catchment committees</u>	<u>Article 10 : Comités de bassin-versant</u>
<u>Ingingo ya 11 : Inshingano z'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturatione</u>	<u>Article 11 : Responsibilities of decentralized administrative entities</u>	<u>Article 11 : Attributions des entités administratives décentralisées</u>
<u>Ingingo ya 12 : Inshingano z'abaturatione</u>	<u>Article 12 : Obligations of the population</u>	<u>Article 12 : Obligations de la population</u>
<u>Icyiciro cya 3 : Igenamigambi ry'umutungo kamere w'amazi</u>	<u>Section 3 : Water resources planning</u>	<u>Section 3 : Planification des ressources en eau</u>
<u>Ingingo ya 13 : Igishushanyo mbonera cy'umutungo kamere w'amazi ku rwego rw'Igihugu</u>	<u>Article 13 : National water resources master plan</u>	<u>Article 13 : Plan directeur national des ressources en eau</u>
<u>Ingingo ya 14 : Igenamigambi ry'imicungire y'ibyogogo</u>	<u>Article 14 : Catchments management plans</u>	<u>Article 14 : Plans de gestion des bassins versants</u>
<u>Ingingo ya 15 : Ubufatanye bw'ibihugu ku mazi bihuriyeho</u>	<u>Article 15 : States' cooperation on shared water resources</u>	<u>Article 15 : Coopération des États sur les ressources en eau partagées</u>
<u>Ingingo ya 16 : Igenzurwa ry'umutungo kamere w'amazi</u>	<u>Article 16 : Water resources monitoring</u>	<u>Article 16 : Suivi des ressources en eau</u>

Official Gazette no.Special of 21/09/2018

<u>Ingingo ya 17</u> : Uburyo bwo gucunga amakuru y'umutungo kamere w'amazi	<u>Article 17</u> : Water resources information system	<u>Article 17</u> : Système d'information sur les ressources en eau
<u>Ingingo ya 18</u> : Nyir'umutungo kamere w'amazi n'igenzurwa ryawo	<u>Article 18</u> : Ownership and control of water resources	<u>Article 18</u> : Propriété et contrôle des ressources en eau
<u>Ingingo ya 19</u> : Ibyitabwaho mbere mu gusaranganya amazi	<u>Article 19</u> : Priority for water allocation	<u>Article 19</u> : Priorité pour l'allocation de l'eau
<u>Ingingo ya 20</u> : Imicungire y'umutungo kamere w'amazi hashingiwe ku cyogogo	<u>Article 20</u> : Water resources management by catchment	<u>Article 20</u> : Gestion des ressources en eau par bassin versant
<u>Ingingo ya 21</u> : Ikoreshwa ry'umutungo kamere w'amazi n'ibikorwa byerekeranye na yo bisabirwa uruhushya	<u>Article 21</u> : Use of water and water-related activities subject to water use permit	<u>Article 21</u> : Utilisation de ressources en eau et activités liées à l'eau soumises au permis d'utilisation d'eau
<u>Ingingo ya 22</u> : Amafaranga atangwa ku ruhushya	<u>Article 22</u> : Water use fees	<u>Article 22</u> : Frais d'utilisation d'eau
<u>UMUTWE WA IV: KURENGERA UMUTUNGO KAMERE W'AMAZI</u>	<u>CHAPTER IV: PROTECTION OF WATER RESOURCES</u>	<u>CHAPITRE IV: PROTECTION DES RESSOURCES EN EAU</u>
<u>Ingingo ya 23</u> : Ahantu hakomye	<u>Article 23</u> : Protected areas	<u>Article 23</u> : Zones protégées
<u>Ingingo ya 24</u> : Amazinga yo kurinda amazi	<u>Article 24</u> : Protection perimeters	<u>Article 24</u> : Périmètres de protection
<u>Ingingo ya 25</u> : Kongera gukoresha amazi yakoreshejwe	<u>Article 25</u> : Re-use of waste water	<u>Article 25</u> : Réutilisation des eaux usées
<u>Ingingo ya 26</u> : Amazi azigamwe	<u>Article 26</u> : Water reserve	<u>Article 26</u> : Réserve d'eau
<u>Ingingo ya 27</u> : Ahantu ho kurinda amazi y'ikuzimu	<u>Article 27</u> : Groundwater protection areas	<u>Article 27</u> : Zones de protection des eaux souterraines

Official Gazette no.Special of 21/09/2018

<u>Ingingo ya 28</u> : Kumenyekanisha amazi y'ikuzimu abonywe ku buryo butunguranye	<u>Article 28</u> : Notification of groundwater found incidentally	<u>Article 28</u> : Information sur l'eau souterraine accidentellement trouvée
<u>UMUTWE WA V: IMICUNGIRE Y'IMYUZURE N'AMAPFA</u>	<u>CHAPTER V: FLOOD AND DROUGHT MANAGEMENT</u>	<u>CHAPITRE V: GESTION DES INONDATIONS ET DES SÉCHERESSES</u>
<u>Ingingo ya 29</u> : Ingamba zo gukumira imyuzure n'amapfa	<u>Article 29</u> : Measures for preventing flood and droughts	<u>Article 29</u> : Mesures de prévention des inondations et des sécheresses
<u>Ingingo ya 30</u> : Komite tekini ku ngomero z'amazi	<u>Article 30</u> : Technical committee on dams	<u>Article 30</u> : Comité technique sur des barrages
<u>Ingingo ya 31</u> : Umutekano w'urugomero rw'amazi	<u>Article 31</u> : Security of dams	<u>Article 31</u> : Sécurité des barrages
<u>UMUTWE WA VI : IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI, IBYAHA N'IBIHANO</u>	<u>CHAPTER VI : ADMINISTRATIVE SANCTIONS, OFFENCES AND PENALTIES</u>	<u>CHAPITRE VI : SANCTIONS ADMINISTRATIVES, INFRACTIONS ET PEINES</u>
<u>Icyiciro cya mbere</u> : Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi	<u>Section One</u> : Administrative sanctions	<u>Section première</u> : Sanctions administratives
<u>Ingingo ya 32</u>: Gutanga amakuru atari ukuri	<u>Article 32</u>: Provision of false information	<u>Article 32</u>: Fourniture de fausses informations
<u>Ingingo ya 33</u> : Ibikorwa bibujijwe mu mazinga yo kurinda amazi cyangwa ahantu ho kurinda amazi y'ikuzimu	<u>Article 33</u> : Prohibited activities within protection perimeters or groundwater protection areas	<u>Article 33</u> : Activités interdites dans les périmètres de protection ou zones de protection des eaux souterraines
<u>Ingingo ya 34</u> : Kubangamira umukozi uri mu kazi	<u>Article 34</u> : Obstruction of officer in office	<u>Article 34</u> : Obstruction d'un agent en fonction
<u>Ingingo ya 35</u> : Ibihano by'inyongera	<u>Article 35</u> : Additional sanctions	<u>Article 35</u> : Sanctions additionnelles

Official Gazette no.Special of 21/09/2018

Icyiciro cya 2 : Ibyaha n'ibihano

Ingingo ya 36 : Ikoreshwa ry'amazi cyangwa igikorwa cyerekeranye n'amazi kitasabiwe uruhushya

Ingingo ya 37 : Guhumanya amazi

Ingingo ya 38 : Ibihano bijyanye no kujugunya, gusuka, kuyobora cyangwa kuzika mu mazi ikintu cyakurura ingaruka mbi ku mutungo kamere w'amazi

UMUTWE WA VII : INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

Ingingo ya 39 : Agaciro k'ibyemezo by'imenyekanisha, impushya n'imbago bisanzweho

Ingingo ya 40 : Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Ingingo ya 41 : Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo ya 42 : Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Section 2 : Offences and penalties

Article 36 : Water use or water-related activity without a water use permit

Article 37 : Water pollution

Article 38 : Penalties for dumping, spilling or depositing anything that may pollute water resources

CHAPTER VII : TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

Article 39 : Existing declaration receipts, authorizations and concessions

Article 40 : Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 41 : Repealing provision

Article 42 : Commencement

Section 2 : Infractions et peines

Article 36 : Utilisation de l'eau ou activité liée à l'eau sans permis d'utilisation d'eau

Article 37 : Pollution de l'eau

Article 38 : Sanctions liées à l'immersion, déversions ou au dépôt de quelque chose qui pollue les ressources en eau

CHAPITRE VII : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Article 39 : Déclarations, autorisations et concessions existantes

Article 40 : Initiation, examen et adoption de la présente loi

Article 41 : Disposition abrogatoire

Article 42 : Entrée en vigueur

Official Gazette no.Special of 21/09/2018

**ITEGEKO N°49/2018 RYO KU WA
13/08/2018 RIGENGA
IMIKORESHEREZE N'IMICUNGIRE
Y'UMUTUNGO KAMERE W'AMAZI
MU RWANDA**

**LAW N°49/2018 OF 13/08/2018
DETERMINING THE USE AND
MANAGEMENT OF WATER
RESOURCES IN RWANDA**

**LOI N°49/2018 DU 13/08/2018 PORTANT
UTILISATION ET GESTION DES
RESSOURCES EN EAU AU RWANDA**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO
YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE,
DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE
RITYA KANDI DUTEGETSE KO
RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA
YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED
AND WE SANCTION, PROMULGATE
THE FOLLOWING LAW AND ORDER
IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL
GAZETTE OF THE REPUBLIC OF
RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA
LOI DONT LA TENEUR SUIT ET
ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE
AU JOURNAL OFFICIEL DE LA
RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku
wa 24 Gicurasi 2018;

The Chamber of Deputies, in its session of 24
May 2018;

La Chambre des Députés, en sa séance du 24
mai 2018;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika
y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu
2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 53,
iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91,
iya 106, iya 120 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic
of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially
in Articles 53, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120
and 176;

Vu la Constitution de la République du
Rwanda de 2003 révisée en 2015,
spécialement en ses articles 53, 64, 69, 70, 88,
90, 91, 106, 120 and 176;

Ishingiye ku Masezerano y'Ubufatanye ku
Kibaya cy'Uruzi rwa Nili, yashyiriweho
umukono Entebbe muri Uganda, ku wa 14
Gicurasi 2010 nk'uko yemejwe burundu
n'Iteka rya Perezida n° 78/01 ryo ku wa 26
Werurwe 2014;

Pursuant to the Agreement on the Nile River
Basin Cooperative Framework, signed in
Entebbe, Uganda on 14 May 2010, as ratified
by Presidential Order n° 78/01 of 26 March
2014;

Vu l'Accord-cadre sur la Coopération dans le
Bassin du Fleuve Nil, signé à Entebbe, en
Ouganda le 14 mai 2010 telle que ratifié par
Arrêté Présidentiel n°78/01 du 26 mars 2014;

Official Gazette no.Special of 21/09/2018

Isubiye ku Itegeko n° 62/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigena uburyo bwo gukoresha, kubungabunga, kurengera no gucunga neza umutungo kamere w'amazi;

YEMEJE:

UMUTWE WA MBERE : INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere : Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rigena uburyo bw'imikoreshereze n'imicungire y'umutungo kamere w'amazi mu Rwanda.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

- 1° **ahantu hahehereye:** ahantu h'igishanga cyangwa h'amazi, haba karemano cyangwa hahanzwe, hahoraho cyangwa h'igihe gito harimo amazi atava aho ari cyangwa atemba;
- 2° **amazi azigamye:** ubwinshi n'ubwiza bw'amazi akenewe mu kurengera ibinyabuzima byo mu mazi n'ubuzima bw'abantu n'inyamaswa bitunzwe nayo;

Having reviewed Law n° 62/2008 of 10/09/2008 putting in place the use, conservation, protection and management of water resources regulations;

ADOPTS:

CHAPTER ONE : GENERAL PROVISIONS

Article One : Purpose of this Law

This Law determines the use and management of water resources in Rwanda.

Article 2 : Definitions

In this Law, the following terms have the following meanings:

- 1° **wetland:** area of marsh or water, whether natural or artificial, permanent or temporary, with water that is stagnant or flowing.
- 2° **ecological flow:** the quantity and quality of the water flow required to sustain the aquatic ecosystem and the human and animal lives depending upon it;

Revu la Loi n° 62/2008 du 10/09/2008 fixant les règles d'utilisation, de conservation, de protection et de gestion des ressources en eau;

ADOPTE:

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES

Article premier : Objet de la présente loi

La présente loi régit l'utilisation et la gestion des ressources en eau au Rwanda.

Article 2 : Définitions

Dans la présente loi, les termes ci-après ont les significations suivantes:

- 1° **zone humide:** zone de marais ou d'eau, naturelle ou artificielle, permanente ou temporaire, avec de l'eau stagnante ou l'eau qui coule.
- 2° **écoulement écologique:** la quantité et la qualité du débit d'eau nécessaire pour maintenir l'écosystème aquatique, la vie humaine et animale en dépendance;

Official Gazette no.Special of 21/09/2018

- | | | |
|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| 3° amazi y'ikuzimu: amazi aboneka munsu y'ubutaka; | 3° groundwater: water occurring below the earth surface; | 3° eaux souterraines: eaux se trouvant sous la surface de la terre; |
| 4° amazi y'imusozi: amazi atemba imusozi; | 4° surface water: water flowing on earth surface; | 4° eau de surface: l'eau qui coule sur la surface de la terre; |
| 5° amazi yirundiye hamwe: amazi menshi y'imusozi yirundiye hamwe nk'ikiyaga, ikidendezi, umugezi muto, umugezi munini cyangwa umuyoboro cyangwa igice cyabyo cyangwa amazi yirundiye hamwe mu kidendezi cy'ikuzimu; | 5° water body: a discrete and significant accumulation of surface water, such as a lake, a pond, a stream, river or canal or part of it or of groundwater within an aquifer; | 5° masse d'eau: une accumulation discrète et importante d'eau de surface, comme un lac, un étang, un ruisseau, une rivière ou un canal ou une partie de celui-ci ou des eaux souterraines à l'intérieur d'un aquifère; |
| 6° icyogogo: igice cy'ubutaka aho amazi yose y'imvura atemba yerekeza mu mugezi cyangwa aho acengerera yerekeza mu mazi yirundiye ikuzimu; | 6° catchment: an area from which rainwater flows into a watercourse or infiltrates into a groundwater body; | 6° bassin versant: zone d'où l'eau de pluie coule dans un cours d'eau ou s'infiltré dans une masse d'eau souterraine; |
| 7° ikibaya: igice cy'ikibaya cy'uruzi rwa Congo cyangwa ikibaya cy'uruzi rwa Nili gihereye mu Rwanda; | 7° basin: Congo or Nile basins part of Rwanda; | 7° bassin: bassins du fleuve Congo ou du fleuve Nil faisant partie du Rwanda; |
| 8° ikidendezi cy'ikuzimu: ibikono by'amazi byo mu kuzimu bisasiwe n'akugara kadahehereye ndetse n'amazi abirimo; | 8° aquifer: a permeable water-bearing geological formation underlain by a less permeable layer and the water contained in the saturated zone of the formation; | 8° aquifère: une formation géologique perméable à l'eau sous-jacente à une couche moins perméable et l'eau contenue dans la zone saturée de la formation; |
| 9° Ikigo: Ikigo gifite umutungo kamere w'amazi mu nshingano; | 9° Authority: the Authority in charge of water resources; | 9° Office: l'Office ayant des ressources en eau dans ses attributions; |
| 10° indiri y'urusobe rw'ibinyabuzima: ahantu hahariye haba ku butaka cyangwa mu mazi haboneka urusobe | 10° ecosystem: a dynamic complex of plant, animal and micro-organism communities and their non-living | 10° écosystème: un complexe dynamique de communautés végétales, animales et de micro-organismes et leur |

Official Gazette no.Special of 21/09/2018

rw'ibinyabuzima kandi byuzuzanya hagati yabyo;	environment interacting as a functional unit;	environnement non vivant interagissant comme une unité fonctionnelle;
11° minisiteri: Minisiteri ifite umutungo kamere w'amazi mu nshingano;	11° ministry: the Ministry in charge of water resources;	11° ministère: le Ministère ayant des ressources en eau dans les attributions;
12° minisitiri: Minisitiri ufite umutungo kamere w'amazi mu nshingano;	12° minister: the Minister in charge of water resources;	12° ministre: le Ministre ayant des ressources en eau dans les attributions;
13° umuntu: umuntu ku giti cye, isosiyete y'ubucuruzi, umuryango cyangwa ishyirahamwe bifite ubuzimagatozi;	13° person: an individual, a company or legal person;	13° personne: une personne physique, une société commerciale ou morale;
14° umutungo kamere w'amazi: amazi y'imusozi cyangwa ay'ikuzimu;	14° water resources: surface water and groundwater resources;	14° ressources en eau: eaux de surface et eaux souterraines;

UMUTWE WA II : AMAZI KAREMANO N'AMAZI Y'AMAHANGANO

CHAPTER II : NATURAL WATER AND ARTIFICIAL WATER

CHAPITRE II : EAU NATURELLE ET EAU ARTIFICIELLE

Ingingo ya 3 : Amazi karemano

Article 3 : Natural water

Article 3 : Eau naturelle

Amazi karemano agizwe n'ibi bikurikira:

Natural water includes:

L'eau naturelle comprend:

1° utugezi n'imigezi bihora;	1° permanent streams and rivers;	1° des ruisseaux et rivières permanents;
2° ibiyaga;	2° lakes;	2° des lacs;
3° ahantu hahehereye;	3° wetland;	3° des zones humides;
4° amasoko;	4° springs;	4° des sources d'eau;

Official Gazette no.Special of 21/09/2018

5° ibidendezi by'ikuzimu.

5° aquifers.

5° des aquifères.

Ingingo ya 4 : Imbibi z'amazi karemano

Article 4 : Boundaries of natural water

Article 4 : Limites de l'eau naturelle

Imbibi z'amazi karemano zigenwa mu buryo bukurikira:

Natural water boundaries are delimited as follows:

Les limites d'eau naturelle sont délimitées comme suit:

1° ku migezi mito, iminini n'ibiyaga, imbibi zigenwa bahereye ku murungo w'aho amazi yagarukiye asendereye mbere y'uko arenga inkombe;

1° for streams, rivers and lakes, boundaries are delimited by the line reached by the highest waters before overflowing;

1° pour les ruisseaux, les rivières et les lacs, les limites sont définies par la ligne atteinte par les eaux les plus élevées avant le débordement ;

2° ku hantu hahehereye, imbibi zigenwa bahereye ku murungo w'aho amazi yagarukiye ubwo yari menshi cyane mu bihe bisanzwe.

2° for wetlands, boundaries are delimited by a line reached by the highest waters in normal circumstances.

2° pour les zones humides, les limites sont définies par la ligne atteinte par les eaux les plus élevées en temps normal.

Uwo murungo uvugwa mu gace ka mbere n'aka 2° ni wo uherwaho habarwa intera y'ubutaka bubarirwa mu mutungo rusange wa Leta.

This line referred to under items 1° and 2° constitutes the starting point for the delimitation of the longitudinal strip of land included in the public domain.

Cette ligne visée aux points 1° et 2° constitue le point de départ de la délimitation de la frange longitudinale de terrain compris dans le domaine public.

Ingingo ya 5 : Amazi y'amahangano

Article 5 : Artificial water

Article 5 : Eau artificielle

Amazi y'amahangano agizwe n'ibi bikurikira:

Artificial water includes the following:

L'eau artificielle est composée comme suit.

1° ibikorwa byashyizweho mu buryo bwo koroshya kubika amazi;

1° works executed to facilitate the storage of water;

1° les ouvrages exécutés pour faciliter le stockage des eaux;

2° ibyambu by'imigezi n'ibiyaga n'ibijyana nabyo;

2° the fluvial and lakeside harbours and their dependences;

2° les ports fluviaux et lacustres et leurs dépendances;

3° imiyoboro y'amazi ikoroshwa mu gutwara abantu n'ibintu n'ibijyana nabyo;

3° navigation channels and their dependences;

3° les canaux de navigation et leurs dépendances;

Official Gazette no.Special of 21/09/2018

4° ibikorwa byo kuvoma no gufata amazi n'ibijyana nabyo.

4° works related to water conveyance and restraint and their dependences

4° adduction et retenue d'eau et leurs dependances.

UMUTWE WA III : IMICUNGIRE N'IMIKORESHEREZE Y'UMUTUNGO KAMERE W'AMAZI

CHAPTER III : MANAGEMENT AND USE OF WATER RESOURCES

CHAPITRE III : GESTION ET UTILISATION DES RESSOURCES EN EAU

Icyiciro cya mbere : Amahame ngenderwaho

Section One : Guiding principles

Section première : Principes directeurs

Ingingo ya 6 : Kurengera no gukoresha umutungo kamere w'amazi

Article 6 : Protection and use of water resources

Article 6 : Protection et utilisation des ressources en eau

Kurengera no gukoresha neza umutungo kamere w'amazi ni inshingano ya buri wese.

Protection and rational use of water resources constitute the obligations of each and every person.

La protection et l'utilisation rationnelle des ressources en eau constituent un devoir de toute un chacun.

Ingingo ya 7 : Amahame ngenderwaho

Article 7 : Guiding principles

Article 7 : Principes directeurs

Umutungo kamere w'amazi ukoreshwa kandi ugacungwa hagendewe ku mahame akurikira:

Water resources are used and managed in accordance with the following principles:

Les ressources en eau sont utilisées et gérées conformément aux principes suivants:

1° kurinda ibyawuhumanya uherye mbere na mbere ku isoko;

1° prevention of pollution with priority to source;

1° la prévention de la pollution avec priorité à la source;

2° ubushishozi bugamije kudashyira mu bikorwa imirimo ishobora cyangwa ikekwa kugira ingaruka mbi ku mutungo kamere w'amazi, nubwo izo ngaruka zaba zitaragarazwa mu buryo bwa gihanga. Uburyo bwa gihanga butaramenyekana neza ntibwagirira akamaro abangiza umutungo kamere w'amazi ahubwo bwakoreshwa mu kuwubungabunga;

2° precaution, according to which activities considered or suspected to have negative impacts on water resources shall not be implemented even if such impacts have not yet been scientifically proved. Scientific uncertainty must not be taken into consideration for the benefit of destroyers of water resources, instead it may be used in conservation of

2° précaution selon laquelle les activités considérées ou soupçonnées d'avoir des incidences négatives sur les ressources en eau ne seront pas mises en œuvre même si ces impacts n'ont pas encore été scientifiquement prouvés. L'incertitude scientifique ne doit pas être prise en compte au profit des destructeurs des ressources en eau mais elle peut être utilisée dans la

Official Gazette no.Special of 21/09/2018

- | | | |
|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| | water resources; | conservation des ressources en eau; |
| 3° imicungire y'amazi ikomatanyije mu cyogogo hitawe ku nyungu z'abakoresha amazi, ubutaka n'undi mutungo kamere ndetse n'urusobe rw'ibinyabuzima ruwushamikiyeho; | 3° integrated management of water resources within catchment, taking into account the interests of all water users, land and other natural resources and related ecosystems; | 3° la gestion intégrée des ressources en eau dans le bassin versant, en tenant compte des intérêts de tous les utilisateurs d'eau, des terres et autres ressources naturelles et des écosystèmes connexes; |
| 4° kugira uruhare, aho buri mufatanyabikorwa wese ubifitemo inyungu ndetse n'abakoresha amazi binyuze mu babahagarariye, bagomba kugira uruhare mu micungire n'igenamigambi ry'umutungo kamere w'amazi; | 4° participation, according to which all interested stakeholders, including water users through their representatives, are entitled to participate in water resources management and planning; | 4° la participation, selon laquelle toutes les parties intéressées, y compris les usagers de l'eau par l'intermédiaire de leurs représentants, ont le droit de participer à la gestion et à la planification des ressources en eau; |
| 5° amahame "ukoresheje amazi arishyura n'uyahumanyije akishyura", ateganya ko ukoresheje amazi cyangwa uyahumanyije bagomba kwishingira igice gifatika cy'ibikenerwa mu kuyarinda, kugabanya ibiyahumanya no kuyasubiza uko yari ameze haba mu bwiza cyangwa mu ngano; | 5° "user-pays and polluter-pays" principles, according to which the user of water and the polluter must support a significant part of expenses resulting from measures of prevention, of pollution reduction and restoration of the water resources in quality and in quantity; | 5° les principes de "utilisateur payeur et du pollueur-payeur" selon lesquels l'utilisateur de l'eau et le pollueur doivent supporter une part importante des dépenses résultant des mesures de prévention, de réduction de la pollution et de la restauration des ressources en qualité et quantité; |
| 6° ubufatanye bw'inzego aho guteza imbere no kurengera umutungo w'amazi bitegurirwa bikanashyirwa mu bikorwa ku rwego rwo hasi rushoboka. | 6° subsidiarity, whereby development and protection of water resources is planned and implemented at the lowest appropriate level. | 6° subsidiarité, selon laquelle le développement et la protection des ressources en eau sont planifiés et mis en œuvre au niveau approprié le plus bas. |

Official Gazette no.Special of 21/09/2018

Icyiciro cya 2 : Inzego zishinzwe imicungire y'umutungo kamere w'amazi

Ingingo ya 8 : Ikigo

Ikigo gishinzwe gushyira mu bikorwa politiki, ingamba n'amategeko birebana n'umutungo kamere w'amazi.

Ingingo ya 9 : Komite Ngishwanama mu by'Amazi ku rwego rw'Igihugu

Hashyizweho Komite Ngishwanama mu by'Amazi ku rwego rw'Igihugu.

Abagize Komite Ngishwanama mu by'Amazi ku rwego rw'Igihugu, inshingano, imitunganyirize n'imikorere byayo bigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Ingingo ya 10 : Komite z'icyogogo

Hashyizweho Komite ishinze kubungabunga umutungo kamere w'amazi ku rwego rw'icyogogo.

Abagize Komite ishinze kubungabunga umutungo kamere w'amazi ku rwego rw'icyogogo, inshingano, imitunganyirize n'imikorere byabo, bigenwa n'Iteka rya Minisitiri.

Section 2 : Water resources management institutions

Article 8 : Authority

The Authority is in charge of implementation of policies, strategies and regulations relating to water resources.

Article 9 : National Water Consultative Committee

There is established a National Water Consultative Committee.

The composition, responsibilities, organization and functioning of the National Water Consultative Committee are determined by a Prime Minister's Order.

Article 10 : Catchment committees

A water resources management committee at catchment level is established.

The composition, responsibilities, organization and functioning of the water resources management committee at catchment level are determined by a Ministerial Order.

Section 2 : Institutions chargées de gestion des ressources en eau

Article 8 : Office

L'Office est chargé de la mise en œuvre de la politique, des stratégies et de la réglementation relatives à la gestion des ressources en eau.

Article 9 : Comité National Consultatif de l'Eau

Il est institué un Comité National Consultatif de l'Eau.

La composition, les attributions, l'organisation et le fonctionnement du Comité National Consultatif de l'eau sont déterminés par un arrêté du Premier Ministre.

Article 10 : Comités de bassin-versant

Un comité de gestion des ressources en eau au niveau du bassin versant est établi.

La composition, les attributions, l'organisation et le fonctionnement du comité de gestion des ressources en eau au niveau du bassin versant sont déterminés par un arrêté ministériel.

Official Gazette no.Special of 21/09/2018

Ingingo ya 11 : Inshingano z'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage

Article 11 : Responsibilities of decentralized administrative entities

Article 11 : Attributions des entités administratives décentralisées

Inshingano z'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage ni izi zikurikira :

Responsibilities of decentralized administrative entities are the following :

Attributions des entités administratives décentralisées sont les suivantes :

- 1° gushyira muri gahunda y'Akarere ibikorwa bigamije kongera ubwinshi n'ubwiza bw'umutungo kamere w'amazi;
- 2° kugira uruhare mu kurinda utugezi, imigezi, ibiyaga, amasoko n'amazi y'ikuzimu;
- 3° kugira uruhare mu gufata no gukoresha neza ahantu hahehereye;
- 4° kugira uruhare mu kurinda ahantu hari amazi yirundiye hamwe;
- 5° kugira uruhare mu kurinda no gufata neza ibikoresho bifata ibipimo by'amazi ku biyaga n'imigezi;
- 6° kugira uruhare mu gutegura igenamigambi ry'imicungire y'ibyogogo;
- 7° kugira uruhare mu gukumira ikintu cyose cyabuza amazi gutemba cyangwa cyatera umwuzure.

- 1° to plan activities aimed at fostering the quantity and quality of water resources;
- 2° to contribute to protecting streams, rivers, lakes, springs and aquifers;
- 3° to contribute to development and rational use of wetlands;
- 4° to contribute to protecting water bodies;
- 5° to contribute to protecting and maintaining equipment for testing, analysis and measurement of river and lake waters;
- 6° to contribute to the development of catchment management plan;
- 7° to contribute to preventing any risk impeding waterflow and likely to cause floods.

- 1° planifier les activités visant à améliorer la quantité et la qualité des ressources en eau;
- 2° contribuer à la protection des ruisseaux, des rivières, des lacs, des sources et des aquifères;
- 3° contribuer à l'aménagement et à l'utilisation rationnelle des zones humides;
- 4° contribuer à la protection des masses d'eau;
- 5° contribuer à la protection et à l'entretien des équipements de test, d'analyse et de mesure des eaux des rivières et des lacs;
- 6° contribuer à l'élaboration du plan de gestion du bassin versant;
- 7° contribuer à prévenir tout risque d'obstruction des eaux et susceptible de provoquer des inondations.

Official Gazette no.Special of 21/09/2018

Ingingo ya 12 : Inshingano z'abaturage

Inshingano z'abaturage mu kurinda no gukoresha neza umutungo kamere w'amazi ni izi zikurikira:

- 1° kurinda no gukoresha neza umutungo kamere w'amazi, haba umuntu ku giti cye cyangwa babikoreye mu bikorwa rusange;
- 2° kumenyesha ubuyobozi bubegereye ikintu cyose gishobora kugira ingaruka mbi ku mutungo kamere w'amazi;
- 3° kugira uruhare mu kurinda no gufata neza ibikoresho bifata ibipimo by'amazi ku biyaga n'imigezi.

Icyiciro cya 3 : Igenamigambi ry'umutungo kamere w'amazi

Ingingo ya 13 : Igishushanyo mbonera cy'umutungo kamere w'amazi ku rwego rw'Igihugu

Igishushanyo mbonera cy'umutungo kamere w'amazi ku rwego rw'Igihugu gishyirwaho na Minisiteri. Gishobora gusubirwamo igihe bibaye ngombwa.

Igishushanyo mbonera cy'umutungo kamere w'amazi ku rwego rw'Igihugu gitanga icyerekezo ku igenamigambi ryose ryerekeye

Article 12: Obligations of the population

Obligations of the population as regards protection and rational use of water resources are the following:

- 1° to protect and rationally use water resources, through individual or collective initiatives;
- 2° to inform local authorities a phenomenon that may have adverse impact on water resources;
- 3° to contribute to protecting and maintaining equipment for testing the waters of lakes and rivers.

Section 3 : Water resources planning

Article 13 : National water resources master plan

The Ministry establishes a national water resources master plan that may be revised where necessary.

The national water resources master plan guides all water resources plans.

Article 12 : Obligations de la population

Les obligations de la population en matière de protection et d'utilisation rationnelle des ressources en eau sont les suivantes:

- 1° protéger et utiliser rationnellement les ressources en eau, à travers des initiatives individuelles ou collectives;
- 2° informer les autorités locales d'un phénomène pouvant avoir un impact négatif sur les ressources en eau;
- 3° contribuer à la protection et à l'entretien des équipements de test des eaux des lacs et des rivières.

Section 3 : Planification des ressources en eau

